

UMUVUNYI

MAGAZINE

Ikinyamakuru cy'Urwego rw'Umuwunyi gishishikariza Abaturarwanda kurwanya Akarengane na Ruswa

Nzeli - Ukuboza 2016

N° 32

GITANGIRWA
UBUNTU



**MUKWIRIYE
KWIRINDA KUBURANA
URWANDANZE,
BATANSUZUGURA, NI
NJYEWE MUGABO
MUKEMERA IMIKIRIZE
Y'IKIBAZO.**

*Umuwunyi Mukuru Madamu CYANZAYIRE Aloysie
atanze ubutumwa kubaturage ba Musanze*

p.10

**URWEGO RW'UMUVUNYI
RURAHAMAGARIRA ABATURARWANDA
KWIMA AMATWI ABARWIYITIRIRA
BABASABA RUSWA**

p.5

**IBISUBIZO
BY'IBIBAZO
BIKUNZWE
KUBAZWA**

p.8

**URWEGO RW'UMUVUNYI MU
GUKUMIRA RUSWA
HAKORESHEJWE
AMAHUGURWA**

p.17

**URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN**



The Ombudsman, Deputies Ombudsman, Permanent Secretary and the staff
of the Office of the Ombudsman wish you
a Merry Christmas and a Happy New Year.

Let's continue joining hands in the fight against injustice and corruption.





Tugire umuco wo gutanga amakuru kuri ruswa

Abanyarwanda bakunze kurangwa n'umuco wo kutiteranya no kudashyira ahagaragara imigenzereze mibi babonye kugira ngo bitavaho bibakururira ingaruka mbi. Bagiyeye kandi barangwa no gutinya abategetsu (abayobozi) ku buryo kubavugaho ikintu kibi babikora bihishye kandi babivugana n'abo bizeye ko batabavamo. Uyu muco ni wo watumye gutanga amakuru kuri ruswa bigenda bigorana. Hagiyeho Itegeko No 35/2012 ryo ku wa 19/09/2012 ryerekeye kurengera abatangamakuru.

Igihugu cyacu cyiyemeje kurandura ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo kugira ngo kirusheho gutera imbere no gusigasira imibereho myiza y'abaturage. Kugira ngo ibyo bigerweho, uruhare rwa buri mutururwanda rurakenewe.

Abanyarwanda bagiyeye basobanurirwa ingaruka mbi za ruswa, haba ku bukungu bw'Igihugu cyangwa ku mibereho myiza y'abagituye, kugira ngo buri wese yirinde kuyitanga cyangwa kuyisaba. Nyamara ibyo ntibihagije kuko bagomba no gutera indi ntambwe yo kuyamagana ku mugaragaro, kandi bakayitunga agatoki aho bayibonye hose.

Abanyarwanda bagiyeye barangwa n'umuco utari mwiza wo kwanga gushyira ahagaragara ibikorwa bibi bikorwa na bagenzi babo, banga kwiteranya na bo. Nyamara ab'inyangamugayo bo bavugaga ko kuvugisha ukuri bitica umutumirano, uwo akaba ari na wo muco wagombye kuturanga niba dushaka ko ruswa icika. Nyamara uko Urwego rw'Umuvunyi, mu bufatanye n'izindi nzego, rugenda rukangurira abantu kudahishira ibibazo by'akarengane bahura

na byo, ni ko bagenda batinyuka kugaragaza abayobozi cyangwa abakozi babarenganya. Muri ruswa ho si ko bimeze kuko kugeza ubu baracyatinye kugaragaza umuyobozi cyangwa umukozi ubasaba ruswa, ahubwo bakabivugira mu matamatama.

Birakwiye ko abanyarwanda bivugurura, bagatinyuka kwamagana ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo birimo ikimenyane, icyenewabo, irondakarere, itonesha n'ibindi. Ntibakwiye kugira ubwoba, cyane ko hagiyeho itegeko rirengera abatanga amakuru, kandi amakuru batanze akabikwa mu ibanga, n'abayatanze bakagirirwa ibanga rikomeye ku buryo uwo bayatanzeho atabamenya.

Urwego rw'Umuvunyi rwagiye rukwirakwiza ahantu hanyuranye hahurira abantu benshi udusanduku abantu bashobora gushyiramo amakuru kuri ruswa, ariko kugeza ubu abantu ntibitabira cyane gudukoresha.

Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abantu bose kurangwa n'umuco wo gutanga amakuru kuri ruswa, bagahora bazirikana ko ingaruka za ruswa zigera ku muntu uwo ari we wese kuko iyo ruswa itanzwe hagakorwa ibikorwa remezo bidafite ireme buri wese abihomberamo.

Tubifurije amahoro.

“
Nyamara
ab'inyangamugayo bo
bavugaga ko kuvugisha
ukuri bitica umutumirano,
uwo akaba ari na wo muco
wagombye kuturanga
niba dushaka ko
ruswa icika.



p.10

P.3 IJAMBO RY'IBANZE

P.4 IBIRIMO

P.5 IBIKORWA BY'URWEGO RW'UMUVUNYI

P.5 Urwego rw'Umuvunyi rurahamagarira abaturarwanda kwima amatwi abarwiyitirira babasaba gutanga ruswa

P.6 Ibibazo birebana n'ubutaka ni byo byaje kw'isonga ku bibazo byakirirwa n'Urwego rw'Umuvunyi

P.8 Ibisubizo by'ibibazo bikunzwe kubazwa

P.10 TURWANYE AKARENGANYE

P.10 Mukwiriye kwirinda kuburana urwandanze, batansuzugura, ni nyewe mugabo mukemera imikirize y'ikibazo

P.12 Urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane



p.12

P.15 TURWANYE RUSWA

P.15 Kunoza serivisi z'ubuvuzi ni ukwita ku burenganzira bw'umurwayi

P.17 Amahugurwa y'byiciro bitandukanye agamije gukumira ruswa

P.21 Abahamwe n'Icyaha cya ruswa igihembwe cya mbere cy'umwaka wa 2016

P.28 Abahamwe n'Icyaha cya ruswa igihembwe cya kabiri cy'umwaka wa 2016

P.35 Abahamwe n'Icyaha cya ruswa igihembwe cya gatatu cy'umwaka wa 2015

P.40 Abahamwe n'Icyaha cya ruswa igihembwe cya kane cy'umwaka wa 2015



p.17

P.46 INKURU ISHUSHANYIJE



p.46

UBWANDITSI

Nyir'ikinyamakuru
URWEGO RW'UMUVUNYI

Umuyobozi MUKURU
MBARUBUKEYE Xavier
Umunyamabanga Uhoraho

Umwanditsi Mukuru
NZEYIMANA Nadège
Ushinzwe Itangazamakuru

Umwanditsi Mukuru Wungirije
NGILINSHUTI Vedaste



KAJANGANA J. Aime umuvugizi w'Umusigire w'Urwego rw'Umuvunyi

“Urwego rw'Umuvunyi rurahamagarira abaturarwanda kwima amatwi abarwiyitirira babasaba gutanga ruswa”

Bitewe n'abamaze iminsi biyitirira Urwego rw'Umuvunyi basaba amafaranga abaturage, Urwego rw'Umuvunyi rurasaba umuntu uwo ari we wese wagizweho ingaruka n'ibikorwa by'abiyitirira Urwego rw'Umuvunyi, uwasabwe cyangwa uwasabwa amafaranga cyangwa amakuru, kubimenyeshya Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo ibibazo bye bikurikiranwe.

Umuvunyi Mukuru Madamu Cyanzayire Aloysie arasaba abaturarwanda guca ukubiri n'umuco wo gutanga ruswa no kwirinda kohereza umuntu batazi amafaranga bakoresheje telefoni.

Urwego rw'Umuvunyi rufatanije na Polisi y'Igihugu rwataye muri yombi itsinda ry'abantu batanu biyitiriraga Urwego rw'Umuvunyi ari bo **RUTAGANZWA ERIC** wiyitaga *Claude*, **NDAYISABYE VICTOR** wiyitaga *KAJANGWE*, **NIZEYIMANA Florence** uzwi kw'izina rya *Mamy* wiyitaga *Aline*, **MAKAMBO MANASSE** na **NDAYISHIMIYE JOSEPH** wiyitaga *KAJANGWE*.

Tariki ya 10 Ugushyingo 2016, Polisi y'Igihugu yagaragaje abo bantu bafatiwe mu cyuhu

biyitirira Urwego rw'Umuvunyi. Umuvugizi wa Polisi y'Igihugu ACP Theos Badege mu kiganiro n'abanyamakuru yavuze ko abaturage bakwiye kwirinda abashaka kubayobya barya utwabo dore ko ibikorwa nk'ibi binangiza isura y'inzego za leta ahubwo uwahura n'abo batekamutwe yakwihutira kubigeza ku nzego z'umutekano.

Kajangana J. Aimé, Umuvugizi w'Umusigire w'Urwego rw'Umuvunyi yabwiye itangazamakuru ko serivisi z'Urwego rw'Umuvunyi zitangirwa ubuntu ko abaka amafaranga abaturage ngo babakemurire ibibazo ari abiyitirira Urwego rw'Umuvunyi. Kajangana J. Aimé yongeye kwibutsa kandi ko abaturarwanda bakwiye kwirinda kugura ibyo amategako abahera ubuntu.



UBURYO BIYITIRIRA URWEGO RW'UMUVUNYI

- Bahamagara abayobozi batandukanye barimo abayobozi b'Inzego z'Ibanze, Abapolisi, Abashinjacyaha, Abacamanza n'abandi, bababwira ko ari abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi ko bakurikirana dosiye, bakabasaba amakuru yo kwifashisha bahamagara abaturage. Iyo bamaze kubona ayo makuru, bahamagara abaturage bababwira ko ari bo bakurikirana dosiye zabo bakabaka amafaranga (ruswa) ngo bakemurirwe ibibazo.
- Bahamagara abaturage biyita amazina y'abakozi b'Urwego rw'Umuvunyi bari mu kazi cyangwa abahoze bahakora, bakabwira abaturage ko bazabafasha mu bibazo byabo; nyuma bakabasaba kubohereza amafaranga banyujije kuri mobile money.



NKUNDIMANA Daniel (ahagaze) watawe muri yombi yiyita umukozi w'Urwego rw'Umuvunyi na bamwe mu bafashwe biyitirira urwego rw'Umuvunyi


Ibibazo birebana n'ubutaka ni byo byaje ku isonga ku bibazo byakirirwa n'Urwego rw'Umuvunyi


Tariki ya 31 Ukuboza 2016, Urwego rw'Umuvunyi rwashyikirije Inteko Ishingamategeko, Imitwe yombi Raporo y'ibikorwa ya 2015-2016 na gahunda y'ibikorwa ya 2016-2017. Raporo y'Urwego rw'Umuvunyi igaragaza ko ibibazo birebana n'ubutaka bingana na 46,7% y'ibibazo byakiriwe n'Urwego rw'Umuvunyi. Ibyo bibazo byiganjemo ibirebana n'izungura, isaranganya n'ingurane zatanzwe ku butaka bwubatsheho umudugudu.

Mu rwego rwo gukemura ibibazo birebana n'ubutaka Urwego rw'Umuvunyi ruzakomeza gufatanya n'izindi nzego mu gukumira no kurwanya ibibazo bishingiye ku butaka ruhamagarira, abatwage kubigiramo uruhare. Muri urwo rwego, gahunda yo gukemura ibibazo hifashishijwe inteko z'abatwage no guhugura abanyarwanda b'ingeri zitandukanye bizakomeza gushimangirwa.

Muri gahunda yo kwakira ibibazo by'akarengane mu Turere hakiriwe ibibazo 852 mu turere Nyaruguru, Burera, Kirehe na Rutsiro. Mu bibazo byakiriwe 389 byahise bikemuke, 413 byasigiwe Uturere, 50 ni byo bigomba gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi. Mu bibazo 50 byagomba gukurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi 16 byaracyemutse.

Ibyo bibazo byiganjemo ibirebana n'izungura, isaranganya n'ingurane zatanzwe ku butaka bwubatsheho imidugudu.





Ku bijyanye no gusubirishamo imanza, Raporo y'Urwego rw'Umuwunyini igaragaza ko mu manza 701 zasesenguwe kugira ngo zisabirwe gusubirwamo, 73 ari zo zagaragayemo akarengane roho, 628 nta karengane karimo.

Muri gahunda yo kurwanya ruswa, Umuvunyi Mukuru Madamu Cyanzayire Aloysie yabwiye abigize Inteko Ishinga Amategeko ko amadosiye 17 yashyikirijwe Ubushinjacyaha cyangwa Polisi y'Igihugu. Nk'uko bigaragara muri raporo y'Urwego rw'Umuwunyini, muri izo dosiye harimo abayobozi b'ibigo bya Leta, abakozi ba Leta, abayobozi b'Uturere, Abanyamabanga Nshingwabikorwa b'Imirenge, abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko, ba rwiyemezamirimo n'abandi.

Abajijwe impamvu kuri lisiti y'abahamwe n'icyaha cya ruswa hatagaragaramo ruswa nini, Umuvunyi Mukuru yavuze ko amategeko y'u Rwanda adashyira kunyereza umutungo mu byaha bya ruswa bityo asaba ko kunyereza umutungo bikwiye kujya mu byaha bya ruswa kugira ngo n'abahamwe n'ibyaha byo kunyereza umutungo bashyirwe mu bahamwe n'icyaha cya ruswa.

Raporo y'Urwego rw'Umuwunyini igaragaza ko hari ibibazo byagaragaye mu iperereza ryakozwe mu micururize y'ifumbire itumizwa hanze y'Igihugu, imitangire y'akazi mu kigo gishinzwe amazi n'isukura, muri Gahunda y'Icyerekezo 2020 Umurenge, Inkingi yo gutanga inguzanyo, Inkingi y'inkunga y'ingoboka n'Inkingi y'imirimo y'amaboko.

Izindi gahunda n'ibigo bya Leta byasuzumwe n'Urwego rw'Umuwunyini ndetse zigaragaramo ibibazo bitandukanye ni ibitaro bitandukanye, Gahunda ya Girinka Munyarwanda, n'Umushinga SPIU LISP-PAIRB.

Urwego rw'Umuwunyini rwakoze ibikorwa bitandukanye by'ubukangurambaga hagamijwe gusobanurira abaturage ububi bwa ruswa n'akarengane, ingaruka zabyo n'ingamba zo kubikumira. Muri ibyo bikorwa harimo guhugura abantu 1857 ku byiciro bitandakunye mu ntara zose n'Umujyi wa Kigali, icyumweru cyahariwe kurwanya ruswa cyashojwe ku munsu mpuzamahanga wahariwe kurwanya ruswa, ibiganiro ku maradiyo, ibiganiro mbwirwaruhame mu ntara n'ibindi.

Nyuma yo kuyigezaho ibikubiye muri raporo y'ibikorwa na gahunda y'ibikorwa no gusubiza ibibazo, Inteko Ishinga Amategeko Imitwe yombi yakiriye Raporo y'Urwego rw'Umuwunyini.

Ibisubizo by'ibibazo bikunzwe kubazwa

❓ Ni izihe nshingano nyamukuru z'Urwego rw'Umuwunyini ku muturage?

Inshingano nyamukuru z'Urwego rw'Umuwunyini ku muturage ni ukumubera umuhuza ku nzego za Leta n'izigenga. Izi nshingano kandi zibumbatiye izindi nshingano z'ingenzi zo gukumira no kurwanya akarengane ndetse na Ruswa n'ibyaha byose bifitanye isano nayo.

❓ Ni ryari umuturage yageza ikibazo cye ku rwego rw'Umuwunyini?

Umuturage ageza ikibazo cye ku rwego rw'Umuwunyini igihe cyose yagishyikirije inzego kireba cyane cyane inzego z'ibanze cyangwa se izindi nzego za Leta ntigikemuke.

❓ Ese ni ibiki bisabwa iyo umuturage ashaka gushyikiriza ikibazo cye urwego rw'Umuwunyini?

Umuturage ushaka gushyikiriza ikibazo cye Urwego rw'Umuwunyini abikora mu nyandiko (Ibaruwa yandikiwe Umuvunyi Mukuru) iherekejwe n'impapuro zigaragaza ukuri kw'ibyo avuga byafasha Urwego rw'Umuwunyini kumukurikiranira ikibazo.

Urugero: (i) Amasezerano y'akazi ku bibazo by'akarengane bijyanye n'umurimo , (ii) inyandiko zigaragaza uburenganzira ku kibanza ikaye, y'ibibazo ku bibazo byo mu nzego z'ibanze , (iv) kopi z'imanza...

❓ Ni gute umuturage ashyikiriza ikibazo cye Urwego rw'umuvunyini?

Umuturage ushaka gushyikiriza ikibazo cye Urwego rw'Umuwunyini abikora abinyujije mu nyandiko) acyohereza akinyujije ku iposita , ku gasanduku k'iposita 6269 Kigali , cyangwa kuri e-mail ombudsinfo@ombudsman.gov.rw cyangwa se akakizana ku kicaro cy'Urwego rw'Umuwunyini aho rukorera i Kigali ku Kimihurura aho bita Ku Kabindi.

❓ AMaze gushyikiriza ikibazo cy'akarengane Urwego rw'Umuwunyini. Hakurikiraho iki ?

Iyo Urwego rw'Umuwunyini rumaze kwakira ikibazo cy'umuturage, ruragisuzuma, rwasanga ari ikibazo gikeneye iperereza rukagera aho ikibazo kiri,hagamijwe gushaka amakuru yose yarufasha gufata umwanzuro w'ikibazo rwashyikirijwe n'umuturage. Hakurikijwe imiterere y'ikibazo ndetse n'amategeko agenga imiterere n'imikorere y'Urwego rw'Umuwunyini. Hari ibibazo bimwe byohererezwa inzego bireba iyo Urwego rusanze izo nzego zibifite mu nshingano zabyo.Hari kandi n'ibibazo Urwego rwakira ,rugasubiza rutanga ubujyanama kuri nyir'ikibazo iyo rusanze nta kindi rwabikoraho bitewe n'imiterere y'ikibazo.

❓ Iyo uwagejeje ikibazo cye k'Urwego rw'Umuwunyini atishimiye imyanzuro yatanzwe n 'Urwego abigenza ate?

Umuturage utishimiye imyanzuro Urwego rw'Umuwunyini rwamuhaye ku kibazo cye, agana inkiko zibifitiye ububasha, iyo ikibazo cye kitajyanye no gusubirishamo urubanza.Iyo kijyanye no gusubirishamo urubanza yemera imyanzuro y'urukiko.

❓ Mbese umuturage warenganijwe n'inkiko ashobora kwiyambaza Urwego rw'Umuwunyini?

Yego, umuturage warenganijwe n'inkiko ashobora gushyikiriza ikibazo cye Urwego rw'Umuwunyini ariko ikibazo cye cyakirwa ari uko yaburanye kugeza k'Urwego rwa nyuma rw'ubujurire kuri urwo rubanza.

? Ni gute Urwego rw'Umuwunyoni rukemura ikibazo cy'umuturage warenganiye mu nkiko?

Iyo Urwego rw'Umuwunyoni rusanze haragaragaye akarengane mu manza zose umuturage yaburanyemo, rushingira ku itegeko rigenga imiterere n'imikorere y'Urukiko rw'ikirenga N° 03/2012/OL ryo kuwa 13/06/2002 cyane cyane mu ngingo yaryo ya 79 rugasaba Urukiko rw'ikirenga rugasubirishamo urwo rubanza ku mpamvu z'akarengane. Iyo iryo suzuma risanze umuturage atararenganye nk'uko abivugaga, Urwego rumumenyeshya rubinyujije mu nyandiko ko nta karengane yagiriwe, bityo agasabwa kwemera imikirize y'urubanza cyangwa agahabwa ubujyanama ku cyakorwa iyo rusanze ari ngombwa.

? Ni iki gisabwa kugira ngo urubanza rw'umuturage warenganijwe n'inkiko rusabirwe n'Urwego rw'Umuwunyoni ku Rukiko rw'ikirenga gusubirishwamo?

Kugira ngo Urwego rw'Umuwunyoni rusabe ko urubanza rusubirwamo, ni ngombwa ko nyir'ukubisaba agaragariza Urwego rw'Umuwunyoni ko yarenganyijwe bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

- (i) Iyo urubanza rwe rwagaragayemo ruswa, ikimenyane cyangwa se icyenewabo;
- (ii) Iyo hari ibimenyetso cyangwa se amategeko y'imikirize y'imanza byirengagijwe mu icibwa ry'urwo rubanza;
- (iii) Iyo urubanza rwaciye mu buryo bidashoboka ko rwarangizwa.

? Urubanza rusabirwa gusubirishwamo ni urwari rugeze ku ruhe rwego rw'iburanishwa?

Urubanza rusabirwa gusubirishwamo kubera imwe mu ngingo zavuzwe haruguru, ni urubanza rwageze ku rwego rwa nyuma rw'inzira zisanze cyangwa zidasanzwe z'ubujurire.

? Ese iyo bigaragaye ko mu rubanza koko haragaragayemo akarengane, rwongera kuburanishirizwa muri rwa rukiko rwaruburanishijwe bwa mbere?

Oya, iyo bigaragaye ko urubanza rwagaragayemo akarengane, bikemezwa kandi n'urukiko rw'ikirenga, Urukiko rw'ikirenga nirwo rurusubirishamo ubwarwo.

? Ni ibiki bisabwa umuturage kugira ngo muri dosiye isabwa gusubirishamo urubanza?

- a. Umwirondoro wuzanye dosiye unagaragaza ko yabayeho umuburanyi mu rubanza
- b. Inyandiko zose ziyanye n'urubanza n'ibimenyetso byose bisobanura akarengane ke.
- c. Kuba urubanza rwarangije inzira zose z'ubujurire.
- d. Kuba urubanza atari urwa Gacaca.
- e. Kuba urubanza rwaraciye nyuma y'ishyirwa

? Niizihe inama zidashobora gusubirishwamo?

Nk'uko bigerwa n'itegeko, urwego rw'umuvunyoni ntirwakire imaze za'uwembere y'itariki ya 09-07 2012 buko iteyeko riteyanganya ko zigambe gutubishwemo mu gihe cy'umwaka itegeko rusohotse bikobe byana rangiye muri Nyakanga 2013.

? Iyo umuntu afite amakuru kuri ruswa ni gute ayageza ku Rwego rw'Umuwunyoni?

Ashobora kuyageza ku biro by'Urwego rw'Umuwunyoni mu nyandiko ikagezwa ku biro by'Urwego rw'Umuwunyoni, ku gasanduku k'iposita 9269, kuri email: ombudsinfo@ombudsman.gov.rw, ashobora guhamagara kuri numero 199 cyangwa se akagera ku biro by'Urwego rw'Umuwunyoni ubishinzwe.

? Ni izihe manza zidashobora gusubirishwamo?

Nk'uko bigerwa n'itegeko, Urwego rw'Umuwunyoni ntirwakira imanza zaciye mbere y'itariki ya 09-07-2012 kuko itegeko riteyanganya ko zagombaga gusubirishwamo mu gihe cy'umwaka itegeko risohotse, ukaba wararangiyeho muri Nyakanga 2013.

? Birashoboka ko amazina y'uwatanze amakuru kuri ruswa atamenyakana?

Yego, uwatanze amakuru agirirwa ibanga, ushobora no gutanga amakuru kuri ruswa ntuvuge umwirondoro wawe.

“ Mukwiriye kwirinda kuburana urwandanze, batansuzugura, ni nnyewe mugabo mukemera imikirize y’ikibazo”

-Umuvunyi Mukuru



Umuvunyi Mukuru Madamu CYANZAYIRE Aloysie atanze ubutumwa kubaturage ba Musanze

Guhera tariki ya 15 kugera tariki ya 16 Ugushyirye 2016 hateguye gahunda yo kurwanya akarengane mu Karere ka Musanze. Umuvunyi Mukuru, Madamu Cyanzayire Aloysie ageze ijamba ku baturage ba Musanze yabasabye kwirinda gusiragira mu nzego bava mu rwego rumwe bajya mu rundi kandi umwanzuro bahabwa ari umwe kuko bituma batakaza umwanya n’umutungo. Umuvunyi Mukuru yakomeje agira ati” Usanga umuntu atanze amafaranga agera kuri miliyoni eshatu ku kibazo cy’inka ifite agaciro k’ibihumbi ijana kandi baramuhaye umwanzuro ariko yaranze kuwemera, amafaranga agashirira mu matike ava mu rwego rumwe ajya mu rundi ndetse no mu nkiko yishyura amagarama kubera kwanga gutsindwa”.

Urwego rw’Umuvunyi rwatangije gahunda yo kurwanya akarengane mu Turere mu mwaka wa 2010 aho abayobozi n’Urwego rw’Umuvunyi bakira ibibazo y’akarengane, bakanakora ubukangurambaga ku bubi



bwa ruswa n'akarengane. Kuva iyo gahunda yatangira hamaze kwakirwa ibibazo by'akarengane 11,343 aho 7764 byahise bikemuka ku bufatanye bw'abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage.

Umuvunyi Mukuru yasabye abaturage ba Musanze gutanga amakuru ahabonetse ibyaha bya ruswa kugira ngo icike mu Rwanda, yagize ati “ Dufite inshingano yo gukumira no kurwanya ruswa ariko tubakeneye nk'abafatanyabikorwa kugira ngo tugere kuri gahunda dufite.”

Kuva umwaka wa 2015-2016, Urwego rw'Umuvunyi rumaze kwakira ibibazo by'akarengane 1075 mu Karere ka Ngororero, Gisagara, Kamonyi, Musanze. Muri byo 532 byahise bikemuka.

Nk'uko bigaragazwa na raporo y'Urwego rw'Umuvunyi ya 2016-2017, ibibazo biza ku mwanya wa mbere ni ibibazo byerekeye ubutaka kuri 46.7%. Urwego rw'Umuvunyi rurashishikariza abaturarwanda kumenya itegeko ryerekeye kuko ibibazo by'ubutaka akenshi biba bituruka mu miryango.

Umuvunyi Wungirije ushinze gukumira no kurwanya akarengane Kanzayire Bernadette muri gahunda yo kurwanya akarengane mu Karere ka Gisagara yabwiye abaturage ko bakwiye kwirinda gutoza abana babo ko icyo umuntu akeneye agihabwa na ruswa kuko ruswa imunga ubukungu bw'Igihugu. Umuvunyi Wungirije yakomeje agira ati “ Duharanire gutunga agatoki aho ruswa iri.”

Gahunda yo kwakira ibibazo by'akarengane mu turere yashyizeho mu rwego rwo korohereza abaturage ndetse no gufatanya n'abayobozi b'inzego z'ibanze n'abaturage mu gukemura ibibazo by'akarengane. Muri iyo gahunda hakorwa ubukangurambaga ku bubu bwa ruswa n'akarengane. Gahunda yo kurwanya akarengane izakomereza mu Karere ka Nyamagabe.

...Kanzayire Bernadette muri gahunda yo kurwanya akarengane mu Karere ka Gisagara yabwiye abaturage ko bakwiye kwirinda gutoza abana babo ko icyo umuntu akeneye agihabwa na ruswa...

Urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane



Nyuma y'uko Urwego rw'Umuvunyi ruhawe ububasha bwo gusaba gusubirishamo imanza zigaragaramo akarengane nk'uko ingingo za 78 kugeza kuri 87 z'Itegeko Ngenga n°03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga zibiteganyaga, bigashimangirwa n'ingingo ya 15 y'itegeko n°76/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi, tugiye kubagezaho urubanza rwasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. Ubushinjacyaha bwazeze KAMARADE mu Rukiko rw'Ibanze rwa Sake mu rubanza RP 0145/13/TB/SKE, icyaha cyo gukomeretsa amatungo y'undi, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 436 y'Itegeko Ngenga n° 01/2012 ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana. Urukiko rwemeje ko icyo cyaha kimuhama, rumuhanisha igifungo cy'umwaka umwe (1), agatanga n'ihazabu

y'amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000) kandi akazava muri gereza ari uko ayishyuye yose.

2. **KAMARADE** ntiyishimiye imikirize y'urubanza ajuririra Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma. Mu rubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA, Urukiko rwemeza ko imikirize y'urubanza RP 0145/13/TB/SKE rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Sake ku wa 31/10/2013 idahindutse muri byose.
3. **KAMARADE** ntiyishimiye iyo mikirize atanga ikirego mu rubanza RPA 0026/15/TGI/NGOMA asaba

gusobanuzwa urubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA, no gufungurwa, ihazabu yaciwe akazayishyura ageze hanze kubera ko ari umukene udashobora kubona amafaranga y'ihazabu yaciwe kandi afunzwe. Urukiko rwemeje ko nta kidasobanutse muri urwo rubanza.

4. **KAMARADE** amaze kubona nta yindi nzira isigaye y'ubujurire isanzwe n'idasanzwe nk'uko ziteganywa n'amategeko, yandikiye Urwego rw'Umuvunyi asaba gusubirishamo urubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA rwaciwe n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma ku mpamvu z'akarengane, ashingiyeye ku biteganywa n'ingingo ya 79 n'ya 81, 2^o z'itegeko Ngenga n° 03/2012/OL ryo ku wa 13/06/2012 rigena imiterere, imikorere n'Ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga.

II. ISESENGURA RYAKOZWE N'URWEGO RW'UMUVUNYI

5. Mu icibwa ry'urubanza RP 0145/13/TB/SKE, Urukiko rw'Ibanze rwa Sake rwemeje ko icyaha cyogukomeretsa amatungo y'undi **KAMARADE** akurikiranyweho n'Ubushinjacyaha kimuhama, rumuhanisha igihano cy'igifungo cy'umwaka umwe, agatanga n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda angana n'ibihumbi magana atanu (500.000), kandi akazava muri gereza ari uko ayishyuye yose. Ikibazo kigeze ku rwego rw'ubujurire, Urukiko rwemeje ko imikirize y'urubanza ku rwego rw'ibanze idahindutse kuri byose.
6. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze ingingo ya 436 y'itegeko Ngenga no 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ahana Urukiko rwashingiyeho ruhana **KAMARADE** iteganya ko: "umuntu wese, ku bw'inabi kandi nta mpamvu, wica cyangwa ukomeretsa bikomeye amatungo y'undi, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandatu (6) kugeza ku mwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva ku bihumbi magana abiri (200.000) kugeza kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano".
7. Hashingiyeye kuri iyi ngingo, byagaragaye ko icyemezo Urukiko rwafashe cyo kuvuga ko **KAMARADE** azava muri gereza ari uko yishyuye amafaranga yose y'ihazabu yaciwe ntaho giteganyijwe mu mategeko ahana.

8. Nk'uko inyandikomvugo y'ifunga yabigaragazaga, **KAMARADE** yafunzwe ku wa 05/07/2013. Umwaka w'igifungo yakatiwe yawujije ku wa 03/07/2014 ariko yagumishijwe muri Gereza kuko ihazabu yari atarayishyura.

9. Urwego rw'Umuvunyi rwasanze Urukiko rwarahaye **KAMARADE** igihano cy'igwatiramubiri kandi cyaravanyweho mu mategeko y'u Rwanda, akaba ari naho akarengane ke kari gashingiyeye.

10. Urwego rw'Umuvunyi rumaze gusuzuma icyo kibazo, rwandikiye Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga ku itariki 25/06/2015, rusaba ko urubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA rwavuzwe haruguru rwasubirwamo ku mpamvu z'akarengane; Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga yemeza ko rusubirwamo.

III. ICIBWA RY'URUBANZA MU RUKIKO RW'IKIRENGA

11. Urubanza rwaburanishijwe ku wa 29/02/2016, **KAMARADE** yunganiwe na **Me MBONYIMPAYE Elias**, Ubushinjacyaha buhagarariwe na **NTAWANGUNDI Béatrice**, Umushinjacyaha ku rwego rw'Igihugu.
12. Ubushinjacyaha bwavuze ko ibyo **KAMARADE** avugaga ko yarenganyijwe kuko Urukiko rwategetse ko azafungurwa ari uko amaze gutanga ihazabu yaciwe ingana n'amafaranga 500.000 kandi ari umukene atayabona kuko afunze, bihabwa ishingiro, kuko bushingiyeye ku ngingo ya 229 agace ka 1 y'itegeko n° 03/13 ryo ku wa 24/05/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza nshinjabyaha iteganya ko: "igihano cy'igifungo kirangirizwa muri gereza", ku ngingo ya 232 y'itegeko ryavuzwe ikaba iteganya ko: "ihazabu ihabwa umwanditsi w'Urukiko mu minsi umunani (8) kuva urubanza rubaye ndakuka, ko icyo gihe gishobora kongerwa na Perezida w'Urukiko ariko ntikirenge amezi atandatu(6), no ku ngingo yaryo ya 233 agace ka 2 igateganya ko: "iyi icyo gihe kirangiyeye, uwatsinzwe atishyuye, hakoreshwa ingufu za Leta", igihano cy'igifungo akaba ari cyo cyonyine kirangirizwa muri gereza, naho icy'ihazabu kitarangirizwa ku mitungo.
13. Urukiko rw'Ikirenga rwasanze kuba muri 2014, **KAMARADE** yari yararangije igihano cy'igifungo cy'umwaka yakatiwe, agakomeza gufungurwa, ari akarengane yagiriwe, kuko



yakomeje gufungwa aho kwishyuzwa ihazabu kandi atari byo amategeko ateganya. Urukiko rwasanze agomba gufungurwa kuko yarangije igihano cy'igifungo cy'umwaka umwe yakatiwe, ihazabu yategetswe kwishyura ikavanwaho kuko itakurikije amategeko.

14. Hashingiwe ku ngingo z'amategeko zavuzwe haruguru, Urukiko rwasanze urubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA rwaciwe ku wa 31/10/2013 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma rwarirengagije amategeko kandi rutanashobora kurangizwa mu gihe **KAMARADE** yagaragazaga ko atishoboye, ariko nyamara urwo rubanza rukaba rwategetse ko azava muri gereza ari uko yarangije kwishyura amafaranga 500.000 y'ihazabu yaciwe bivuze ko atazavamo kandi igihano cy'igifungo yakatiwe ari umwaka umwe gusa, bityo rero uru rubanza rwamuteje akarengane rukaba rwaragombaga kuvanwaho ku bijyanye n'ibyo rwategetse ko azava muri gereza ari uko yarangije kwishyura amafaranga 500.000 y'ihazabu yaciwe, akarekurwa urubanza rukimara gusomwa kuko yarangije igihano cy'igifungo yakatiwe.
15. Urukiko rw'Ikirenga rwemeje ko ikirego cya **KAMARADE Aaron** cyo gusubirishamo ku mpamvu z'akarengane gifite ishingiro, runemeza ko urubanza RPA 0358/13/TGI/NGOMA rwaciwe ku wa 21/02/2014 n'Urukiko Rwisumbuye rwa Ngoma n'urubanza RP0145/13/TB/SKE rwaciwe n'Urukiko rw'Ibanze rwa Sake ku wa 31/10/2013 zihindutse, ku bijyanye n'ibyo zemeje ko **KAMARADE** azafungurwa ari uko yishyuye ihazabu yose yaciwe. Urukiko rwategetse ko igihano **KAMARADE** yahawe cy'uko azava muri gereza ari uko arangije kwishyura amafaranga 500.000 y'ihazabu yaciwe kivanwaho. Urukiko rwategetse ko **KAMARADE** ahita arekurwa urubanza rukimara gusomwa n'aho amagarama y'urubanza agaherera ku Isanduku ya Leta.
16. Urwego rw'Umuvunyi rwafashije kurenganura **KAMARADE** wari warafatiwe icyemezo kinyuranyije n'amategeko arafungurwa.
17. Urukiko rw'Ikirenga rwafashe icyemezo gikwiye kuko rwavanyeho imanza zaciwe mu buryo budakurikije amategeko rwemeza ko **KAMARADE** afungurwa urubanza rukimara gusomwa, itegeko rikaba riteganya ko igihano cy'igifungo kirangirizwa muri gereza naho icy'ihazabu kikarangirizwa ku mitungo.

Icyitonderwa: Muri uru rubanza amazina y'uwagejeje ikibazo ku Rwego rw'Umuvunyi.

**URWEGO RW'UMUVUNYI
OFFICE OF THE OMBUDSMAN**



@rwandaombudsman



Office of the Ombudsman of Rwanda



Office of the Ombudsman of Rwanda



Office of the Ombudsman of Rwanda



199

Kunoza serivisi z'ubuvuzi ni ukwita ku burenganzira bw'umurwayi

Guhabwa ubuvuzi bwiza ni uburenganzira bw'umurwayi. Ibigo bitanga serivisi z'ubuvuzi bifite uruhare runini mu kubungabunga ubuzima bw'abaturage. Izo serivisi zigomba gutangwa hitawe ku mahame agenga umwuga w'ubuganga. Ubwo burenganzira bujyana n'uburenganzira ku buzima bushimangira ko ntawe ushobora kuvutsa umuntu ubuzima mu buryo ubwo ari bwo bwose. Leta zifite inshingano yo gushyiraho uburyo butuma abaturage bagira ubuzima bwiza.

Kimwe n'ahandi, mu bigo bitanga serivisi z'ubuvuzi hashobora kubonekamo ibikorwa n'ibyaho bya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, bishobora gutuma umurwayi avutswa uburenganzira bwe. Muri iyi nyandiko turibanda kuri ibyo bikorwa n'ibyaho byaruswa muri rusange no mu Rwanda by'umwihariko. Hari n'inama zitangwa hagamijwe gukumira ingaruka zabyo.

IMIKORERE IHA ICYUHO RUSWA

Nk'uko bigaragazwa n'ubushakashatsi bwakozwe na Transparency International, ruswa mu nzego zitanga serivisi z'ubuvuzi ituma abantu batabona izo serivisi, bityo ntibavurwe cyangwa bakavurwa nabi. Iyo ruswa ibangamira cyane abakene kuko nta bushobozi bafite bwo kugira icyo batanga ngo bahabwe ubuvuzi mu nzego za Leta, nta n'amikoro yo kujya kwivuriza mu baganga bigenga. Hari impamvu eshatu zikurura ruswa mu nzego z'ubuvuzi.

Impamvu ya mbere ni ukuba abarwayi baba badafite amakuru ahagije ugereraniye n'abashinzwe kubavura bo basobanukiwe n'ibirebana n'indwara, imiti n'ibikoresho byo kwa muganga. Abagana ahatangirwa serivisi z'ubuvuzi ntibahabwa ayo makuru, bityo bagahuzagurika mu gusaba izo serivisi. Impamvu ya kabiri ni uko bitoroshye gushyiraho uburyo bwo guteganya umubare w'abazarwara, igihe indwara izadukira, ubwoko bw'indwara n'imiti izakoreshwa. Ibyo bigira ingaruka ku micungire y'umutungo. Impamvu ya gatatu ni imiterere y'inzego zitanga serivisi z'ubuvuzi kuko zifite abafatanyabikorwa batandukanye harimo abakozi bo kwa muganga, Guverinoma n'abagemura imiti n'ibikoresho. Akenshi usanga nta mucyo uri mu mikoranire yabo ku buryo biha icyuho ruswa.

Mu mikorere y'inzego zitanga serivisi z'ubuvuzi habonekamo ibikorwa n'ibyaho bitadukanye bya ruswa. Umukozi wo kwa muganga ashobora kwaka cyangwa kwakira amafaranga cyangwa indi ndoke kugira ngo umurwayi avurwe. Muganga ashobora gutanga icyemezo cy'ikiruhuko, kandi ugihawe nta mpamvu ifatika yamugararije. Abashinzwe umutungo bashobora kuwunyereza mu nyungu zabo bwite. Amasoko ashobora gutangwa hirengagijwe amategeko ayagenga, ibyo bikaba byaterwa n'ubwumvikane hagati y'abakozi bo kwa muganga na za farumasi, inganda zikora imiti n'abagemura ibikoresho. Ibi bijyana no kwakira imiti n'ibikoresho bitujuje ubuziranenge. Abakozi babashinzwe bashobora kwishyura amafaranga y'ikirenga cyangwa hakishyurwa imirimo itarakozwe n'ibikoresho bitagemuwe, ibyo bigakorwa hifashishijwe inyandiko mpimbano nk'ururonde ruriho abarwayi ba baringa, inyemezabuguzi iriho ibikoresho bitaguzwe. Byongeye kandi, indonke iyo ariyo yose ishobora gusabwa cyangwa gutangwa ku zindi serivisi zitari iz'ubuvuzi nko mu guhabwa amasezerano y'isoko, gukora icyangombwa gihimbano cy'ubwishingizi, kwishyurwa,...

Umuganga ashobora gukoresha nabi umwanya, akajya gukora mu ivuriro rye bwite aho kuwukoresha mu ivuriro rya Leta. Umuganga shobora kwandikira abantu kujya kwivuriza mu ivuriro rye kandi umurwayi yavurirwa mu ivuriro rya Leta. Umuganga shobora no kugaragaza ko yavuye abarwayi kandi bitari ngombwa kugira ngo yongere umubare w'abarwayi yagize icyo akoraho agamije kongera amafaranga abona iyo atari umukozi uhoraho w'ibitaro uhabwa umushahara wagenwe.



MU RWANDA BYIFASHE GUTE?

Hashingiwe ku igenzura ryakozwe n'Urwego rw'Umuvunyi mu bitaro bitandukanye, hari imbogamizi zituma ibitaro bitagera ku nshingano zabyo. Izo mbogamizi zishingiye ku bibazo bijyanye n'umwihariko w'umurimo w'ubuganga n'ibirebana n'imicungire y'umutungo. Ku birebana n'imiterere y'akazi k'ubuganga, byagaragaye ko abaganga bakiri bake muri rusange ariko ibitaro byinshi nta baganga b'inzobere bahari kandi muri gahunda biba byariyemeje haba harimo kuvura indwara zisaba ubuhanga bwihariye. Kuri icyo mbogamizi hiyongeraho ubuke bw'ibikoresho, imiti imwe n'imwe itaboneka, ndetse hari n'aho usanga ibikoresho bihari bishaje. Kubera izo mpamvu, uburenganzira bw'umurwayi ku buvuzi bwiza ntibwubahirizwa, cyane cyane ku barwayi badashobora kujya kwivuriza mu yandi mavuriro yo mu gihugu cyangwa mu mahanga.

Kubera ko ibitaro bidafite ubushobozi bwo kuvura abarwayi bose byakira, biba ngombwa ko bemererwa kujya kwivuriza mu bindi bitaro. Kohereza abarwayi kwivuriza ahandi bigomba kugira amahame yanditse bigenderaho. Iyo izo nyandiko zidahari, umuganga ashobora kwemerera umurwayi kujya kwivuriza ahandi, bitari ngombwa. Uwo muganga ashobora kohereza umurwayi mu ivuriro rye ryigenga cyangwa irindi afitemo inyungu.

Bitewe n'imbogamizi mu guteganya igihe indwara zizadukira no kumenya umubare w'abazarwara, hari ubwo mu bitaro haba hari imiti n'ibikoresho bidakoreshwa ugasanga icyo miti yarashaje ku buryo itahabwa abarwayi. Ibyo bitera igihombo kuko biba byaraguzwe hagamijwe kubikoresha, bikinjiza amafaranga. Byongeye kandi kuba amafaranga yinjira ari make ugereraniye n'akoreshwa bikurura imyenda myinshi. Abarwayi badafite ubushobozi bwo kwishyura serivisi bahawe bituma ibitaro bitabasha gutanga ubuvuzi uko bikwiye. Hari imikorere mibi irangwa mu micungire y'ibikoresho ku buryo ibikoresho biba biri mu bubiko bidahura n'ibigaragara ku mafishi yuzuzwaho ibikoresho byasohotse mu bubiko.

Ibitaro byinjiza amafaranga aya muri serivisi bitanga, bikenera kandi abakozi bo mu ngeri zitandukanye batanga izo serivisi cyangwa bunganira abazitanga. Gucunga uwo mutungo bigomba kubahiriza amategeko yashyizweho, ndetse n'ayo ibitaro byakwishyiriraho. Hamwe na hamwe usanga nta gahunda y'ibikorwa by'igihe kirekire n'iy'umwaka bituma ibitaro bidakora uko

bikwiye kuko nta murongo ngenderwaho uba uhari wafasha mu gusuzuma uko akazi kagenda.

Inzego zishinzwe ubugenzuzi ubwo ari bwo bwose zigomba kwita ku nshingano zazo hagamijwe kunoza imikorere. Iyo izo nzego zidakora neza biha icyuho imikorere mibi iganisha kuri ruswa. Inama y'ubutegetsu y'ibitaro ni urwego rufite inshingano yo gutuma bitanga serivisi nziza. Iyo icyo nama idaterana ngo yige ku bibazo biri mu bitaro, ibyo bibazo ntibibonerwa ibisubizo bityo ababigana bakinubira serivisi mbi bahabwa. Ubugenzuzi bw'imbere nabwo buba bugomba gukorwa kugira ngo hagaragazwe ibikorwa bishobora guha icyuho ruswa nko gutanga amasoko ku buryo butubahirije amategeko, kutagira inyandiko zerekana uko umutungo ukoreshwa, kutubahiriza amategeko agenga abakozi, bityo hagatangwa inama zo kubikumira.

HARI IBIBAZO BYABONERWA UMUTI BIDATINZE KUBERA UBUYOBOZI BW'IBITARO

Bimwe mu bibazo bigaragara mu bitaro bitandukanye bituruka ku kuba ubuyobozi butuzuzura inshingano zabwo uko bikwiye. Ibindi bibazo bijyana n'ubufatanye bw'ibitaro n'izindi nka za Minisiteri zitandukanye. Ingaruka z'ibyo bibazo ni uko abakeneye serivisi batazihabwa cyangwa zigatangwa nabi. Iyo umutungo udacungwa neza, imiti n'ibikoresho ntibiboneka cyangwa bikaboneka mu buryo bunyuranyije n'amategeko, bityo bikaba icyuho cya ruswa nk'uko byagaragaye ko hari abayobozi n'abakozi bakurikiranyweho icyaha cya ruswa n'ibindi bijyanye n'imicungire itanoze y'amafaranga. Ibyo byose bibangamira uburenganzira bw'umurwayi bwo guhabwa ubuvuzi bwiza.

Inshingano y'inzego z'ubuyobozi bw'ibitaro ni uguharanira ko serivisi zitangwa neza no gucunga neza umutungo hagamijwe kuwongera mu nyungu z'abakozi n'abahabwa serivisi. Ibyo ntibyagerwaho amategeko atubahirizwa, hadakorwa ubugenzuzi buhoraho. Ikoranabuhanga rigomba kwifashishwa mu micungire y'ibitaro. Byongeye kandi, ubufatanye hagatiy'ibitaro n'izindinze zego bufasha mu kugaragaza ibibazo nk'ibirebana n'ubuke bw'abaganga b'inzobere, abatekinisiye bafasha mu gukoresha ibyuma byifashishwa mu buvuzi n'ibyumba bike. Ibyo bijyana no kongera ubushobozi bw'abaganga, kongera amashuri y'ubuganga no kugena inkunga ikenewe kugira ngo ibitaro bikore neza. Inzego zose bireba zigomba kugira uruhare mu gukemura ibibazo biboneka mu bitaro hagamijwe kubahiriza uburenganzira bw'ababigana no kongera umutungo wabyo kugira ngo serivisi zitangwa zibe ziboneye.



Urwego rw'Umuvunyi mu gukumira ruswa hakoreshejwe amahugurwa

Urwego rw'Umuvunyi rwakoresheje amahugurwa yari agenewe abantu bo mu byiciro bitandukanye baturutse mu Turere 13, muri Minisiteri zimwe nazimwen'ibigobizishamikiyeho kuva tariki ya 24/08/2016 kugeza ku ya 01/09/2016. Amahugurwa yateguwe hagamijwe gushishikariza abayitabiriye kurushaho kugira uruhare mu gukumira no kurwanya ruswa n'ibyaha bifitanye isano na yo. Ni muri urwo rwego abahuguwe basobanuriwe ruswa icyo aricyo, uko yigaragaza mu mirimo yabo n'uruhare rwabo mu kuyirwanya. Muri ayo mahugurwa hahuguwe ibyiciro bitandukanye:

ICYICIRO CY'ABATWARA ABANTU KURI MOTO NO MU MODOKA NINI N'INTO

Abatwara abagenzi kuri moto (abamotari) no mu modoka nini n'into (abashoferi) bahawe ibisobanuro birambuye kuri ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo, basobanurirwa impamvu n'ingaruka zabyo. Amahugurwa yibanze ku bikorwa bigaragara mu mikorere yabo bishobora kuba intandaro yo gutanga ruswa. Bimwe muri ibyo bibazo ni ibi bikurikira:

- Kuba mu Mujyi wa Kigali aho guparika moto ari hake cyane kandi abatwara moto bakorera mu duce twose

tw'Umujyi, bigatuma igihe baparitse ahatemerewe moto bahanirwa iryo kosa;

- Kugira ngo umumotari abone icyangombwa cyo gutwara abagenzi bisaba ko yishyura amafaranga abinyujije muri koperative akaba ari yo ishyikiriza RURA ibikenewe kugira ngo itange icyangombwa. Hari ubwo RURA itinda gutanga ibyangombwa, kandi abamotari barishyuye amafaranga basabwe. Iyo umupolisi afashe umumotari akamwerekako ko yishyuye kandi ko byageze muri RURA, umupolisi arabyanga akamwandikira ko arimo gutwara ikinyabiziga mu muhanda nta cyangombwa,



bishobora kubaviramo kujya batanga ruswa;

- Kuba abamotari basaba ibyangombwa bibemerera gukoresha moto bagomba kuba ari itsinda ry'abantu 100 ni imbogamizi ku matsinda yo mu cyaro kuko uwo mubare uboneka bigoranye, bikabangamira abamotari bashaka gukora akazi, bityo bakaba bakora nta byangombwa;
- Kuba umupolisi yatwara icyangombwa cy'umumotari cyangwa umushoferi cyo gutwara ikinyabiziga ariko ntamwandikire ikosa ngo yishyure amafaranga ateganijwe n'amategeko, bityo akaba yatanga ruswa kugira ngo abone icyo cyangombwa, akomeze umurimo we wo gutwara abagenzi;
- Kuba hari ibyuma bipima umuvuduko byifashishwa na Polisi ariko bikaba bitagaragaza umuvuduko umushoferi yari afite cyangwa pulaki y'imodoka ku buryo hari ushobora kwandikirwa kurenza umuvuduko kandi yubahirije icyapa;
- Kuba utwaye ikinyabiziga yahanirwa ko yatwaye umugenzi ufite ibicuruzwa bitemewe nka kanyanga cyangwa urumogi cyangwa ibicuruzwa bya magendu kandi utwaye ikinyabiziga atemerewe gusaka umuzigo w'umugenzi agiye gutwara.

Abamotari n'abashoferi bagaragaraza ko batanga ruswa ku bapoliisi kuko baba banga gutanga amande y'amakosa bakoze cyangwa bitiriwe kuko ari menshi kuri bo kandi kubona ayo mafaranga biba bitoroshye.

ICYICIRO CY'ABAGIZE UTUNAMA DUSHINZWE GUTANGA AMASOKO MURI MINISITERI N'IBIGO BIZIHAMIKIYEHO

